Repubulika y'u Rwanda
Intara y'Amajyepfo
Akarere ka Kamonyi

# "NEWSLETTER" GICURASI 2025

## HAKOZWE UMUGANDA WO GUSUBIRANYA IGISHANGA AHANGIJWE N'UBUCUKUZI BW'AMABUYE Y'AGACIRO MU BURYO BUTEMEWE



Mu gishanga cya Gikoro kiri hagayi y'Imirenge ya Karama, Kayenzi, Rukoma, Ngamba n'igice gito cy'Umurenge wa Gacurabwenge, niho habereye ku rwego rw'Intara Umuganda rusange usoza ukwezi kwa Gicurasi 2025. Ni umuganda witabiriwe n'abayobozi mu nzego zinyuranye haba mu buyobozi bwite bwa Leta, abagize inzego z'umutekano, abafatanyabikorwa abaturage bagera ku bihumbi 4 bo muri iyi Mirenge ikora kuri iki gishanga, abajyanama muri Njyanama y'Akarere n'abagize ubuyobozi kuva Umudugudu, Akagari, Umurenge n'Akarere ka Kamonyi. Uyu muganda kandi witabiriwe n'abagize inteko ishinga amategeko umutwe w'abadepite bari mu ruzinduko mu Karere ka Kamonyi, basuzuma ishyirwa mu bikorwa rya gahunda za Leta.

Guverineri w'Intara y'Amajyepfo Mme Kayitesi Alice yasabye abaturage kwirinda ibikorwa byangiza ibikorwa by'inyungu rusange, ngo kuko nk'iki gishanga cyangijwe n'abacukura mu buryo bunyuranyije n'amategeko byatumye abaturage ubuso bahingagaho bugabanuka, ibyo bikaba byaratumye umusaruro bahabonaga utagrezweho kuko nibura 20ha nizo zangijwe. Yasabye kureka ibikorwa bibi nk'ibi abibutsa ko gukomeza kwangiza ibishanga biri mu bikoze icyaha.

Mu butumwa bwe Hon. Bitunguramye Diogene uyoboye itsinda ry'abadepite riri mu ruzinduko mu Karere mu nama n'abaturage nawe yagarutse ku butumwa busaba abaturage kwirinda ibyaha ahubwo bagahigikorwa icyo aricyo cyose cyakwangiza yabasabye guharanira umuryango utekanye, ubwumvikane mu bavandimwe, ubucuti mu baturanyi n'umubano mwiza hagati y'abashakanye bityo bagire imibereho myiza.

Abagize Inama Njyanama y'Akarere nabo bifatanyije n'abaturage hirya no hino mu Mirenge mu muganda. Perezida w'Inama Njyanama bwana Nyoni Emilien Lambert hamwe n'itsinda ry'abajyanama yitabiriye umuganda i Musambira muri gahunda y'icyumweru cy'ubufatanye bw'Abaturage n'Inama Njyanama.





# MINISITIRI INES MPAMBARA YIFATANYIJE N'ABANYAKAMONYI KWIBUKA KU NSHURO YA 31 JENOSIDE YAKOREWE ABATUTSI MU 1994

Ku rwibutso rwa Jenoside yakorewe Abatutsi mu 1994 rwa Kamonyi mu Murenge wa Gacurabwenge habereye igikorwa cyo kwibuka ku nshuro ya 31 Jenoside yakorewe Abatutsi mu 1994.




Iyi gahunda yitabiriwe na Minisitiri Mu biro bya Minisitiri w'Intebe Ushinzwe Imirimo y'Inama y'Abaminisitiri Mme Ines MPAMBARA akaba n'imboni y'Akarere ka Kamonyi muri Guverinema.
Hari kandi Guverineri w'Intara y'Amajyepfo Mme Kayitesi Alice na bamwe mu bagize inteko ishinga amategeko y'u Rwanda. Iki gikorwa cyitabiriwe na Major General Vincent GATAMA Umuyobozi w'ingabo mu Ntara y'Amajyepfo, Umuyobozi wa Polisi Wungirije mu Ntara y'Amajyepfo, Umunyamabanga Mukuru wa RPF Inkotanyi Hon.GASAMAGERA Wellars, Komiseri mu Muryango Ibuka ku rwego rw'Igihugu, Umuyobozi w'Akarere n'abandi bagize komite nyobozi y'Akarere, abagize inama y'umutekano itaguye y'Akarere n'abandi bayobozi mu nzego zinyuranye bifatanyije n'abatuye Umurenge wa Gacurabwenge mu gikorwa cyo kwibuka.





Hatanzwe ikiganiro ku mateka ya Jenoside yakorewe Abatutsi cyatanzwe na Amb. NGARAMBE Francois, abitabiriye banagejejweho ubuhamya bw'uwarokotse Jenoside yakorewe Abatutsi. Uyu munsi kandi hashyinguwe mu cyubahiro mu rwibutso rwa Kamonyi, imibiri 5 y'Abazize Jenoside yakorewe Abatutsi mu 1994.



# ABAYOBOZI B'IBIGO BY'AMASHURI BASABYE UBUFATANYE MU GUKUMIRA ABANA BATA ISHURI




Mu nama nyunguranabitekerezo ku iterambere ry'uburezi mu Karere ka Kamonyi yo kuwa 22 Gicurasi 2025, abayobozi b'Ibigo by'amashuri basabye ko habaho ubufatanye buhoraho hagati y'ababyeyi, abarimu n'abayobozi b'nzego bwite za Leta bityo basenyere umugozi umwe mu gukumira ko abana bata ishuri.

Ku ruhande rw'ubuyobozi bifuza ko buri gihe hajya habaho kuganiriza abana ku kamaro k'ishuri kuko bizatuma bumva ko nyuma y'ubuzima bw'ishuri, aribo bafite uruhare runini mu gutegura ejo habo hazaza kandi bakumvishwa ko hazaba heza bitewe n'uko bahateguye igihe bakiri ku ishuri.

Muri GS Rosa Mystica niho habereye inama y'uburezi yatumiwemo abayobozi b'Ibigo by'Amashuri, ba nyir'ibigo abanyamabanga nshingwabikorwa b'Imirenge, abashinzwe uburezi mu Mirenge n'abahagarariye komite z'ababyeyi.

Inama yayobowe n'Umuyobozi w'Akarere Wungirije Ushinzwe imibereho Myiza Mme UWIRINGIRA Marie Josee, yitabiriwe n'Umuhuzabikorwa w'uburezi mu Ntara y'Amajyepfo bwana Nsengiyaremye Christophe na bwana Jean Paul Mushimiyimana umukozi wa NESA.

muri rusange haganiriwe ku migendekere y'ibizamini by'ubumenyi-ngiro, bahuguwe kuri system izafasha gukurikirana ubwitabire bw'abanyeshuri, imicungire ya gahunda yo kugaburira abana ku ishuri, gahunda yo kwibuka ku nshuro ya 31 Abarezi n'Abanyeshuri bazize Jenoside yakorewe Abatutsi mu 1994.





## HABAYE INAMA NYUNGURANABITEKEREZO KU KWINJIZA IMISORO N'AMAHORO



Ku biro by'Akarere kuwa 21.05. 2025 habereye inama yayobowe n'Umuyobozi w'Agateganyo w'ishami ry'imari mu Karere bwana Karekezi Faustin. Inama yitabiriwe n'abakozi bo mu ishami ry'imari,Umuhuzabikorwa wa RRA mu Karere,Umuhuzabikorwa wa NGALI mu Karere.

Abitabiriye inama bunguranye ibitekerezo ku gikorwa cyo kwinjiza imisoro n'amahoro aho kigeze muri uyu mwaka wa 2024-2025; ubukangurambaga ku misoro n'amahoro; igikorwa cyo kwandika abafite imitungo itimukanwa ibinjiriza ubukode; kwishyuza ibirarane by'imisoro n'amahoro; gutegura inama z'abasora mu Mirenge. Hanabayeho kurebera hamwe intego y'imisoro n'amahoro bizinjira mu mwaka utaha wa 2025-2026.

## UBUYOBOZI BW'INTARA BWASUZUMWE AHO IMIHIGO YA MUTIMAWURUGO IGEZE YESWA

Kuwa 17 Gicurasi 2025, Umuyobozi w'Akarere Wungirije Ushinzwe 'Imibereho myiza Madame UWIRINGIRA Marie Josee yakiriye itsinda ry'Intara rikuriwe na Mme MUGWANEZA Evanice. Aba bashyitsi bari baje gusuzuma uko akarere ka Kamonyi gahagaze mu gushyira mu bikorwa imihigo ya Mutimawurugo igihembwe cya 4 uyu mwaka w'ingenyo y'imari 2024/2025.

Nyuma yo guhabwa ikaze, Mme MUSABYEMARIYA Marie Goretti umuhuzabikorwa w'Inama y'Igihugu y'Abagore ku rwego rw'Akarere yagaragarije abitabiriye incamake y'ibikorwa byakozwe. Isuzuma ryari ryatumiwemo kandi abahagarariye CNF ku Mirenge, nyuma yo kugenzura ibyagezweho mu mpapuro hakurikiyeho gusura ibikorwa mu Midugudu itandukanye.







# ABAYOBOZI BO KU RWEGO RW'INTARA BASUYE ABANYESHURI BIMUWE KURI EP GISIZI KUBERA IBIZA



Kuwa 21 Gicurasi 2025, Guverineri w'Intara y'Amajyepfo Mme KAYITESI Alice ari kumwe n'abagize inama y'umutekano itaguye y'Intara aribo General Majoro Vincent GATAMA umuyobozi w'Ingabo mu Ntara y'Amajyepfo, Umuyobozi Wungirije wa Polisi mu Ntara y'Amajyepfo, Ukuriye Iperereza (NISS) mu Ntara, hamwe n'Umunyamabanga Nshingwabikorwa w'Intara.

Ni igikorwa cyitabiriwe n'abagize inama y'umutekano itaguye y'Akarere ka Kamonyi barimo Umuyobozi wa Polisi mu Karere, Umuyobozi w'Inkeragutabara mu Karere, ukuriye iperereza, umuyobozi wa RIB mu Karere hamwe n'umuhuzabikorwa wa DASSO n'umuyobozi w'Akarere Wungirije Ushinzwe ubukungu bwana Niyongira Uzziel.



# GUVERINERI W'INTARA Y'AMAJYEPFO ARASABA ABATURAGE KWIRINDA UBUCUKUZI BUTEMEWE



Tariki 20 Gicurasi 2025 Guverineri w'Intara y'Amajyepfo Mme Kayitesi Alice, arasaba abaturage kwirinda kwangiza ibishanga kuko bifatiye runini ubuzima bw'abaturage. Ibi yabigarutseho ku mugoroba wo kuri uyu wa kabiri tariki 20 Gicurasi 2025, mu nama y'umutekano yamuhuje n'abaturage baturiye iki gishanga gikora gikora ku Mirenge ya Karama, Kayenzi, Ngamba, Rukoma n'agace gato k'Umurenge Gacurabwenge.

Muri iyi nama, Guverineri Kayitesi yasabye abaturage kumva ko amabuye y'agaciro bakurikiye muri iki gishanga kuko ubuhinzi bwahakorerwaga aribwo butunze abaturage benshi kurusha, kandi ibi biri no mu rwego rwo kwirinda kwangiza ibidukikije. Yabasabye rero kureka gukomeza kwangiza igishanga kandi asaba koperative ikorera muri iki gishanga gutegura umuganda wo gusubiranya ahangijwe, ubuyobozi nabwo bukazifatanya nabo muri uyu muganda.





# ECOSE MUSAMBIRA BIBUTSE KU NSHURO YA 31 ABAREZI N'ABANYESHURI BISHWE MURI JENOSIDE YAKOREWE ABATUTSI MU 1994

Mu Kigo cya Kiriziya Gaturika cyisumbuye cya ECOSE Musambira giherereye mu Murenge wa MUSAMBIRA, habereye igikorwa cyo kwibuka Jenoside yakorewe Abatutsi, bibuka abarezi n'abanyeshuri bazize Jenoside yakorewe Abatutsi mu 1994.

iyi gahunda gahunda yaranzwe n'ikiganiro ku mateka ya Jenoside cyatanzwe na bwana NDAGIJIMANA Alphonse. Urubyiruko rwasabwe kumenya agaciro ko kuba umwe rukirinda uwaza wese agarura inyigisho zitandukanya abanyarwanda.





Iyi gahunda gahunda yaranzwe n'ikiganiro ku mateka ya Jenoside cyatanzwe na bwana NDAGIJIMANA Alphonse. Urubyiruko rwasabwe kumenya agaciro ko kuba umwe rukirinda uwaza wese agarura inyigisho zitandukanya abanyarwanda.

Ku rwego rw'ubuyobozi bwite bwa Leta, iki gikorwa cyitabiriwe n'intumwa y'umuryango IBUKA mu Murenge wa Musambira hari kandi Mme NYIRANDAYISABYE Christine Umunyamabanga Nshingwabikorwa w'Umurenge wa Musambira, hari kandi n'inzego z'umutekano.



# NYARUBAKA: HABEREYE IGIKORWA CYO KU RWEGO RW'AKARERE CYO KWIBUKA KU NSHURO YA 31 ABAGORE N'ABANA BAZIZE JENOSIDE YAKOREWE ABATUTSI MU 1994.

Tariki 18 Gicurasi 2025, ku biro by'Umurenge wa Nyarubaka, habaye igikorwa ku rwego rw'Akarere cyo kwibuka abana n'abagore bazize Jenoside yakorewe Abatutsi mu 1994.



Umushyitsi mukuru yari Hon. Depite UWAMAHORO Prisica,gahunda yitabiriwe n'Umuyobozi w'Akarere Wungirije Ushinzwe Ubukungu bwana NIYONGIRA Uzziel; Umuyobozi w'Akarere Wungirije Ushinzwe imibereho Myiza Madamu UWIRINGIRA Marie Josee; abagize inzego z'Umutekano ku rwego rw'Akarere; umunyamabanga w'Inama y'Igihugu y'Abagore ku rwego rw'Intara Madamu MUBERARUGO Sophie", umuhuzabikorwa wa CNF ku Karere Mme MUSABYIMANA Marie Goretti, abayobozi batandukanye n'abatuye Umurenge wa Nyarubaka.



Nyuma yo gushyira indabyo ahari ikimenyetso kigaragaza ahiciwe abana bagera ku 100, hakozwe urugendo kugera aho igikorwa cyakomereje.



Hatanzwe ikiganiro ku mateka ya Jenoside yakorewe Abatutsi cyatanzwe na Bwana NTABANA Yves, abitabiriye banagejejweho ubuhamya bw'uwarokotse Jenoside yakorewe Abatutsi mu 1994.



# INTARA YAKORANYE INAMA N'UTURERE KU IKEMURWA RY'IBIBAZO BIKIBANGAMIYE IMIBEREHO MYIZA Y'ABATURAGE

Tariki 19 Gicurasi 2025, ku biro by'Akarere habereye inama yayobowe na Guverineri w'Intara y'Amajyepfo Mme KAYITESI Alice hifashishijwe ikoranabuhanga (videoconference) ari kumwe n'umunyamabanga Nshingwabikorwa w'Intara bwana Nshimiyimana Vedaste.

Ni inama yitabiriwe ku rwego rw'Akarere ka Kamonyi na bwana Niyongira Uzziel Umuyobozi w'Akarere Wungirije Ushinzwe ubukungu bwana Niyongira Uzziel ari kumwe n'abagize komite nyobozi y'Akarere, abagize inama y'umutekano y'Akarere n'abanyamabanga Nshingwabikorwa b'Imirenge n'abakozi ku biro by'Akarere.

Mu nama hagarutswe ku gukemura ibibazo bibangamiye imibereho y'abaturage aho buri Karere kagaragaje uko gahagaze muri iyi gahunda n'ingamba bafite. Akarere ka Kamonyi kagaragaje uko gahagaze mu gukemura ibi bibazo, Umuyobozi yagaragaje ko habayeho kongerewe Ingengo y'Imari izakoreshwa mu gukemura ibibazo bibangamiye imibereho myiza y'abaturage mu mwaka w'ingengo y'imari utaha wa 2025-2026.

Hagiye kandi gukomeza kwita ku bikorwa by'umuganda ku rwego rw'Umudugudu mu rwego rwo gukemura ibibazo bibangamiye imibereho myiza y'abaturage byerekeye kubaka amazu n'ubwiherero ku batabufite, gufatanya n'abafatanyabikorwa b'Akarere mu gukemura ibibazo bibangamiye ibibazo bibangamiye imibereho myiza y'abaturage hashakwa ibikoresho nk'amabati n'ubundi bufasha bukenewe.

Ubuyobozi buzakomeza gukora ubukangurambaga bugamije gukangurira abaturage kugira isuku n'isukura mu ngo, ku mubiri n'ahahurira abantu benshi.





# ABAGIZE KOMITE ZA PANAFRICAN MOVEMENT BASABWE GUHARANIRA KWIGIRA NO KWIHESHA AGACIRO.



Abitabiriye bahuguwe ku mahame y'umuryango "Panafrican Movement" uharanira ukwishyira ukizana kwa Afurika, banahuguwe ku ndangagaciro z'ubuyobozi bushingiye ku Bunyarwanda n'Ubunyafurika.

Inama yayobowe na Dr Francis Habumugisha waturutse ku bunyamabanga bukuru bwa PAM ku rwego rw'Igihugu yari kumwe na bwana BUSHAYIJA Fred ukuriye PAM mu Karere ka Kamonyi.

Mu mahugurwa yateguwe n'ubuyobozi bukuru bwa Panafrican Movement ku rwego rw'Igihugu tariki 14/05/2025, abagize komite za PAM ku Mirenge no ku Karere bitabiriye basabwe guharanira kwihesha agaciro ndetse no kwigira.

Ku biro by'Akarere ka Kamonyi niho habereye amahugurwa yahuje abayobozi bahagarariye abandi barimo abagize komite ya PAM ku rwego rw'Akarere n'abagize biro za PAM ku rwego rw'Imirenge.





## HABAYE UMUHANGO WO KWAKIRA INDAHIRO Z'ABAGIZE URWEGO RW'ABUNZI

Nkuko amategeko abiteganya mbere yuko abagize urwego rw'abunzi batangira imirimo yabo, kuwa 14 Gicurasi 2025 Mme MUHIMPUNDU Verene Perezida w'Urukiko rw'ibanze rwa Gacurabwenge yakiriye indahiro z'abunzi bashya 19 bazakorera ku rwego rw'Umurenge ndetse n'abo ku Tugari.





Abunzi basabwe gukorera mu mucyo bagafasha ababagana kubona ubutabera. Iki gikorwa cyakurikiranwe na Mme KANGABIRE Appauline Umuyobozi w'Ishami ry'imiyoborere myiza mu Karere.



## NCDA YASUYE IBIGO MBONEZAMIKURIRE BY'ABANA BATO



Kuwa 14 Gicurasi 2025 , itsinda ryaturutse muri NCDA ryari riyobowe na CYEMEZO Henry rifatanyije n'Umukozi ushinzwe ECDs mu Karere ka Kamonyi, Umufatanyabikorwa ukurikirana Imikorere ya ECDs mu Karere ka Kamonyi (AVSI) ryakomeje igikorwa cyo gusura Ingo Mbonezamikurire z' abana bato mu Karere ka Kamonyi mu mirenge ya Nyarubaka, Musambira na Karama hagamijwe kureba Imikorere yazo, Imbogamizi zigaragara mu mikorere y' izo Ngo Mbonezamikurire no gutanga inama zuko izo mbogamizi zakemuka. Nyuma yo gusura ECDs , Umuyobozi w' Akarere Wungirije Ushinzwe Imibereho Myiza y' Abaturage mu Karere ka Kamonyi, Madamu UWIRINGIRA Marie Josee yakiriye iryo tsinda mu biro bye hagamijwe kugaragaza ibyavuye mu isura n'ibigomba kongerwamo imbaraga mu rwego rwo gukomeza guteza imbere Imikorere myiza ya ECDs.



## ABASHINZWE UBUHINZI BAKOMEJE GUKURIKIRANA IGIHEMBWE CY'IHINGA CYA III

Kuwa 14/05/2025 abakozi bo mu ishami ry'ubuhinzi n'umutungo kamere (Umukozi w'Akarere ushinzwe ubuhinzi n'Umuhuzabikorwa wa YEAN) bakoze ubukangurambaga bwo kwihutisha igihembwe cy'ihinga cya gatatu cya 2025C gihingwamo imboga mu Karere ka Kamonyi.

Ni ubukangurambaga bwabereye mu bishanga bya Bishenyi Ruboroga na Kavunja abahinzi bakanguriwe kwihutisha gutegura imirima, abahinzi bahumbitse ibitunguru ntibimere bagiriwe inama yo kutaraza imirima. Basabwe ahubwo bagahinga izindi mboga zihuta zera vuba kugira ngo hatazabaho gukererwa igihembwe cya mbere cya 2026A..

▫ Abahinzi kandi bakanguriwe gukoresha ifumbire y'imborera iboze neza kandi ihagije ndetse n'imvaruganda yunganira imborera kugira ngo bazabone umusaruro mwinshi.





# IMIRENGE YASABWE GUKOMEZA INGAMBA ZO KU KUBUNGABUNGA IMBAGO Z'IMIHANDA NO KUNOZA IMITURIRE



Ku gicamunsi cyo kuwa mbere tariki 12 Gicurasi 2025, ku Karere habereye inama yahuje ubuyobozi bw'Akarere, abayobozi b'Imirenge n'ab'Utugari n'abakozi bashinzwe ubutaka n'imiturire mu Mirenge.

Muri iyi nama hagarutswe ku kubungabunga imihanda no gukumira abarengera imbago z'imihanda, haganiriwe no ku guca imiturire y'akajagari.

Mu gusoza inama hagarutswe ku ngingo ya MUSA, ndetse na gahunda ya TIG ku bakatiwe ibihano byayo ariko ntibakore TIG.

Iyi nama yayobowe n'Umuyobozi w'Akarere Dr. Nahayo Sylvere, yari kumwe n'Umuyobozi w'Akarere Wungirije ushinzwe ubukungu bwana Niyongira Uzziel.



**Faustin NTAKIRUTIMANA**
**"PR, Media & Communications"**